REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUREZI
B.P 622 KIGALI

ITANGANZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA

Hashingiwe ku ngengabihe y'isubukurwa ry'amasomo yatangajwe, Minisiteri y'Uburezi iramenyesha ababyeyi n'abanyeshuri ko gahunda y'ingendo ku banyeshuri biga bacumbikirwa iteye ku buryo bukurikira:

1. **ABANYESHURI BAZATANGIRA AMASOMO KU WA 2 UGUSHYINGO 2020 NI ABIGA MU MYAKA IKURIKIRA** :

- **Amashuri yisumbuye:** umwaka wa gatatu (S3), uwa gatanu (S5) n'uwa gatandatu (S6);
- **Amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET):** (Level 3, Level 4 na Level 5);
- **Amashuri Nderabarezi (TTCs) :** imyaka yose (Y1, Y2, Y3).

Ku wa kane, tariki ya 29 Ukwakira 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :

- Muhanga, Huye na Gisagara **mu Ntara y'Amajyepfo**,
- Karongi na Rutsiro mu **Ntara y'Iburengerazuba,**
- Nyarugenge, Kicukiro na Gasabo mu **Mujyi wa Kigali.**

Ku wa gatanu, tariki ya 30 Ukwakira 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :

- Nyaruguru na Nyamagabe **mu Ntara y'Amajyepfo**,
- Rusizi na Nyamasheke mu **Ntara y'Iburengerazuba.**

Ku wa Gatandatu, tariki ya 31 Ukwakira 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:

- Kamonyi, Nyanza na Ruhango mu **Ntara y'Amajyepfo ;**
- Ngororero, Rubavu na Nyabihu **mu Ntara y'Iburengerazuba.**

Ku cyumweru, tariki ya 1 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri byo mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba.

2. ABANYESHURI BAZATANGIRA AMASOMO KU WA 23 UGUSHYINGO 2020 BIGA MU MWAKA WA MBERE (S1), UWA KABIRI (S2) N'UWA KANE (S4) Y' AMASHURI YISUMBUYE, GAHUNDA Y'INGENDO ZABO ITEYE KU BURYO BUKURIKIRA:

Ku wa Gatanu, tariki ya 20 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :

- Huye na Gisagara, Nyaruguru na Nyamagabe **mu Ntara y'Amajyepfo**,
- Karongi na Rutsiro, Rusizi na Nyamasheke mu **Ntara y'Iburengerazuba,**
- Nyarugenge, Kicukiro na Gasabo mu **Mujyi wa Kigali.**

Ku wa gatandatu, tariki ya 21 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :

- Muhanga, Kamonyi, Nyanza na Ruhango mu **Ntara y'Amajyepfo ;**
- Ngororero, Rubavu na Nyabihu **mu Ntara y'Iburengerazuba**

Ku Cyumweru, tariki ya 22 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri byo mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba.

ICYITONDERWA:

- Ababyeyi barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere ku mashuri yabo bitarenze saa kumi n'imwe z'umugoroba, kandi bambaye umwambaro w'ishuri;

- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza ku mashuri bigaho;

- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo kwakira abanyeshuri aho abagenzi bategera imodoka no gukurikirana uko bakirwa mu bigo bigamo;

- Abanyeshuri bose barasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza ajyanye no kwirinda icyorezo cya COVID-19 mu gihe cy' ingendo no ku mashuri harimo kwambara neza agapfukamunwa;

- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade i Nyamirambo zibajyana ku mashuri bigaho.

Bikorewe i Kigali, ku wa 21 Ukwakira 2020.

TWAGIRAYEZU Gaspard
Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye